SORAS ASSURANCES GENERALES LTD
member of Sanlam group

SAHAM Assurance | Rwanda
member of Sanlam group

IMENYESHA RY'IHUZA RYA SORAS ASSURANCES GENERALES LIMITED NA SAHAM ASSURANCE RWANDA LIMITED

Abagize inama z'ubutegetsi ya SORAS Assurances Générales Limited n'iya SAHAM Assurance Rwanda Limited (sosiyete zihuzwa) bishimiye kumenyesha abishingiwe n'izo sosiyete, abafatanyabikorwa ndetse na rubanda muri rusange ihuza riteganijwe hagati y'izo sosiyete zombi. Icyi cyemezo kije gikurikira igikorwa giheruka cy'igurwa ry'imigabane cyabaye hagati ya SANLAM Group na SAHAM Group cyatumye sosiyete zihuzwa zigenzurwa mu buryo busesuye na SANLAM.

Nyuma y'ihuza riteganijwe, imitungo n'imyenda yose ya SAHAM Assurance Rwanda Limited yaba amasezerano y'ubwishingizi agifite agaciro ndetse n'inshingano ziyashamikiyeho bizegurirwa SORAS Assurances Générales Limited ari nayo sosiyete izasigara. Abasanzwe bishingiwe na SAHAM Assurance Rwanda Limited bazahita bahinduka abishingiwe na SORAS Assurances Générales Limited nta mpaka.

Abagize inama z'ubutegetsi za sosiyete zihuzwa barizeza abishingiwe n'izo sosiyete ndetse na rubanda muri rusange ko ihuza riteganijwe rizagira ingaruka nziza ku bafatanyabikorwa bose, bikazanafasha sosiyete zahujwe guhanga udushya mu gutanga serivisi nziza zitandukanye kandi zo ku rwego rwo hejuru ari nabyo bizatuma abakiriya barushaho kunogerwa.

Banki Nkuru y'u Rwanda yamaze kwemeza ko nta kibazo ifite kuri iri ihuza riteganijwe. Iri huza rizasozwa nyuma yo kubahiriza ibiteganijwe n'a mategeko ndetse n'amabwiriza abigenga.

Ihuza riteganijwe kurangira bitarenze taliki ya 31 Werurwe 2019 kandi rigatangira kugira inkurikizi guhera ku italiki ya 1 Mutarama 2019.

Kigali, ku wa 30 Mutarama 2019

SORAS ASSURANCES GENERALES LTD B.P. 5570 KIGALI

Saham Assurance Rwanda
Centenary House,
B.P. 3869 Kigali-Rwanda
Tél : (+250) 252 50 12 10
Fax : (+250) 252 57 55 96

SORAS Assurances Générales Limited
SHUMBUSHO RURANGIRWA Vianney
Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi

SAHAM Assurance Rwanda Limited
Padiri GANZA GASANANA Jean Baptiste
Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi